Our Ref : 34/RRA/DTD/EBM/2022
Your Ref :

Date : 10 MAI 2022

**ITANGAZO RIMENYESHA**

Mu rwego rwo gushyigikira Abasora bafashwa kuzuza neza inshingano zabo zirebana no gucuruza batanga inyemezabuguzi za EBM,Ubuyobozi bw' Ikigo cy' Imisoro n' Amahoro burabamenyesha ko hari gahunda yo kubunganira mukubona ibikoresho (POS) byifashishwa mu gutanga inyemezabuguzi za EBM.

Abifuza gusaba kunganirwa binyuze mur' iyi gahunda, bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:

1. Kuba usora atanditse k' umusoro ku nyongeragaciro (TVA);
2. Kuba usora nta yindi mashini ya EBM asanzwe afite;
3. Kuba usora yaramenyekanishije igicuruzo (turnover) k' umusoro ku nyungu wa 2021.

Abujuje ibisabwa, barasabwa kunyuza ubusabe bwabo ku muyoboro https://datascience.rra.gov.rw/free_pos/form. Uyu muyoboro uzaba ufunguye kugirango unyuzweho ubusabe guhera tariki ya 16/05/2022 kugeza tariki 31/05/2022.

Ku bindi bisobanuro, mwaduhamagara kuri 3004 cyangwa mukatwohereza ubutumwa ku mbuga nkoranyambaga zacu.

**BATAMULIZA Hajara**
**Komiseri w' Imisoro y' Imbere mu Gihugu**

RWANDA REVENUE AUTHORITY * RRA * DOMESTIC TAXES DEPARTMENT DTD